# 228: Bahungu, bakobwa

1.
   Bahungu, bakobwa,—Nimuze mwese I Betelehemu—Mu ruhongore; Tureb' ibyo Data—Uri mw ijuru Yaduhaye twese— Mur'iri joro !

2.
   Hamwe n'abashumba,—Dushim'umwami Uryamye mu byatsi—Nk'uworoheje.
   Dusang' ababyeyi—Banezerewe; Duhuzen'Intumwa—Kumusingiza.

3.
   Nimupfukamire—Umwami mwiza Uduh' ubugingo,—Mumuhimbaze ! Muvuze n'impundu—Hamwe n'Intumwa; Mubwire n'abandi—Ibyo mwabonye.

4.
   Twese tumushime,—Wa Mwami mwiza t Tumuhimbarize—Kukw adukunda.
   Dufatanye twese,—Tuvuz' impundu, Ngw abatamumenye—Baze gukizwa.

Visit us at indirimbo.com